14 OCT 2019

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Rwamagana, kuwa............
N°....404..../07.05.01

NGOMA DISTRICT
CENTRAL SECRETARIAT
RECEIVED ON 18/10/2019
REFERENCE ...........
SIGNATURE ...........

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**<u>NGOMA</u>**

**<u>Impamvu</u>: Imyanzuro y'Inama njyanama isanzwe yo kuwa 29/09/2019**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 29/09/2019 yangezeho kuwa 07/10/2019;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe n'umwihariko mwahaye gukemura ibibazo by'abaturage no kunoza imitangire ya serivisi, nkaba mbasaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**<u>BIMENYESHEJWE:</u>**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **<u>KIGALI</u>**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **<u>NGOMA.</u>**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**Ngoma, kuwa 04 / 10 /2019**

**No Ref.NJY 096 /07.05.06**

RECEPTION MINALOC Date: 15/10/2019

Eastern Province For reception Date 07 OCT 2019 Signature

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 29 Nzeri 2019.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa 29 Nzeri 2019.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

---

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAM Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 29/9/2019 : IGIHEMBWE CYA MBERE 2019-2020

Ku cyumweru itariki ya 29 Nzeri 2019 , Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba cy'inama cy'Akarere , iyobowe na Visi Perezida wayo Bwana Prof. KANOBANA Mathusalem. Inama yatangiye imirimo yayo saa tatu za mu gitondo , yitabirwa n'Abajyanama 21 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama bagize impamvu zitandukanye bakazisabira impushya ni aba bakurikira :

1. BANAMWANA Bernard
2. KABANYANA Candide
3. KAYITESI Faulatha
4. MUSONERA Euphrem
5. MUGISHA Narcisse
6. NAMANYA William
7. MAPAMBANO Nyiridandi Cyriaque
8. UWINGABIRE Fausca

Inama yatangijwe n'ijambo rya Visi Perezida w'Inama Njyanama, nyuma yo kugenzura ubwitabire bw'abajyanama , aha ikaze abitabiriye kandi abifuriza gukurikirana inama neza no gutanga ibitekerezo byiza.

Ku murongo w'ibyigwa hari :

1. Gusuzuma raporo y'ibyavuye mu makomisiyo bikigirwa mu nama y'Abaperezida yo kuwa 23/9/2019.
2. Kurebera hamwe raporo y'ibyavuye mu nama yahuje Komisiyo y'Imibereho myiza na Komisiyo y'Ubugenzuzi (Audit Committee) bigize Inama Njyanama y'Akarere ; abagize Ishami ry'Uburezi mu Karere n'abashinzwe uburezi mu mirenge igize Akarere ka Ngoma
3. Kurebera hamwe ibyavuye mu myanzuro yavuye mu nama y'Ubugenzuzi ku mikoreshereze y'IREMBO.

**INGINGO YA MBERE : Gusuzuma no gufata imyanzuro y'ibyavuye mu makomisiyo bikigirwa mu nama y'Abaperezida .**

| SN | Ingingo | Imitererey'ikibazon'ibitekerezobyatanzwe | Umwanzuro |
|---|---|---|---|
| 1. | **Amabaruwa yandikiwe Inama Njyanama** | a. **UWIZEYEZU Bervi** utuye mu murenge wa Rurenge yanditse asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka. Avuga ko ubu butaka yabuhawe na Leta ariko ubwo butaka bukaba bufite undi muntu wapfuye bwari bubaruweho kandi akaba ntamuzungura afite | Inama imaze gusuzuma iki kibazo, yasanze ubwo butaka atabwibaruzaho keretse agaragaje icyemeza cy'uko ari umuzungura w'ubwo butaka . Bityo akazandikirwa abimenyeshwa |



IBS

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | b. **BACAMURWANGO Athanase** utuye mu murenge wa Rurenge mu kagali ka Rugese yanditse avuga ko yahawe ubutaka buri muri buffer zone akaza kubunyagwa bukaba bukoreshwa n'undi muntu. Yasobanuye ko ikibazo cye yakigejeje mu bunzi aratsindwa gusa akaba atemera umwanzuro w'abunzi | Inama imaze gusuzuma iki kibazo, yasanze Inama Njyanama idafite uburenganzira bwo kuvuguruza imyanzuro y'abunzi. BACAMURWANGO Athanase azandikirwe abimenyeshwa kandi agirwa inama y' inzira yanyuramo yo gukomeza mu nkiko. Komite Nyobozi nayo izakurikirana niba ukoresha ubwo butaka ataba anyuranyije n'amabwiriza cyane ko ari muri Buffer Zone. |
| | | c. Umuyobozi wa University of Kibungo (UNIK) yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bungana hegitare 59 bwo gutuburiramo imbuto buherereye muri Zaza/ Ruhinga , ahitwa Papeterie na Mugesera/ Mugatare | Inama Nyjanama y'Akarere ka Ngoma yasabye ko UNIK yakubahiriza ibi bikurikira:<br>❖ Kugaragaza igenamigambi (Business plan) y'ikoreshwa ry'ubutaka.<br>❖ Kugaragaza icyo ubutaka buzakoreshwa.<br>❖ Kugaragaza umusaruro buzatanga , inyungi bifitiye abaturage |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | n'Akarere.<br>❖ Kugaragaza uburyo ubwo buzakodeshwa. |
| | | **d.** Ikibazo cya EAR Diocese ya Kibungo banditse basaba kwiyandikishaho ubutaka bubaruwe ku Karere ka Ngoma buherereye mu Kagali ka Gahima mu Mudugudu wa Nyakabungo.Itsinda ry'Abajyanama ryagiye gusuzuma iki kibazo riri kumwe n'abakozi b'Akarere bo mu biro by'ubutaka baganiriye n'abaturage bahaturiye ndetse n'aba nyiri ubutaka mu rwego rwo gushakira umuti iki kibazo. Amakuru abaturage batanze avuga ko ubu butaka bwahoze ari ubwa EAR kuva kera. Mu gihe cyo kubarura ubutaka hakaba harabuze umuntu uhagararira EAR bityo bwandikwa kuri Leta. | Inama imaze kugezwaho iyi raporo ikanayisuzuma yemeje ko EAR Diocese ya Kibungo ihabwa ubu butaka. |
| | | **e.** MUKAMANA Vestine utuye mu Murenge wa Rukumberi mu Kagali ka Rubona yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahabwa ubutaka bwaguriweho ikigo cya G.S Gituza mu mwaka wa 2003.<br>Abari mu Nama bagejejweho raporo y'itsinda ryagiye gusuzuma iki | Inama imaze gusuzuma iyi raporo yemeje ko MUKAMANA Vestine ahabwa ingurane y'ubwo butaka. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | kibazo.Mu buhamya abaturage batanze mu nteko z'abaturage ndetse n'umuyobozi wari uyoboye icyo Kigo, bemeje ko ubwo butaka bwaho ari ubw'ababyeyi ba Mukamana Vestine nyuma ikigo kikaza kuhubaka , bavuga ko abo bana bazahabwa ingurane nibamara kugeza imyaka y'ubukure. | |
| | | **f.** Ikibazo cya BIHIRABAKE Ephrem utuye mu Murenge wa Mugesera yanditse asaba ingurane y'ubutaka bwe bwashyizwemo umuhanda. Itsinda ry'abajyanama ryagiye gusuzuma iki kibazo rifatanyije n'inteko z'abaturage. Abari muri iyi nteko bagaragaje ko uyu mugabo nta muhanda wigeze unyuzwa mu isambu ye ahubwo ko uwo muhanda ari umuturanyi we wawukoze yari agamije kwibonera umuhanda ujya iwe kuko yari arimo kubaka | Inama imaze kubona iyi raporo yemejeko uyu muturage adahabwa ingurane y'ubu butaka , ahubwo ko agomba kubukoresha ariko agatanga inzira ingana na metero imwe(1m) nk'uko amategeko abigena. |
| | | **g.** Umuyobozi w'Akarere ka Ngomaasaba gufata umwanzuro ku cyifuzo cya Komite Nyobozi y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 8/5/2019 cyo guha inzu Bwana SIKUBWABO Vianney muri IDP Model village ya Mutenderi. Abajyanama bagize Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho myiza ; bakurikiranye iki kibazo basanga uyu muturage atagira aho aba , ahubwo aba mu nzu yakodesherejwe n' Umurenge wa Mutendeli. | Mu gihe Abajyanama bagize Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho myiza , basuraga ADP Model ya Mutendeli , basanze hari inzu yavuyemo umuntu ajya gutura ahandi ; bityo rero iyo nzu ikaba yahabwa SINDIKUBWABO Vianney udafite aho aba kugeza ubu. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | . | **h.** Ibaruwa MUSABYIMANA Claudette wo mu Murenge wa Remera, Akagari ka Kinunga, Umudugudu wa Kamvumba yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa umusoro w'ubucuruzi.<br>Abajyanama baramusuye aho acururiza mu isoko rya Remera ; abagaragariza uburyo acuruzamo ; ko ari umuntu umuha ibyo amucururiza bakaza kugabana inyungu; ko kandi acuruza ku munsi w'isoko gusa , agatanga umusoro w'uwo munsi ungana na 500frw ; ubundi agatanga umusoro w'umwaka ungana na 6.000frw. | Nk'uko Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma isanzwe yarafatiye umwanzuro ibibazo bijyanye no gusonerwa imisoro y'ubucuruzi ; byemejwe ko umuntu wese ukora imirimo y'ubucuruzi agomba kwishyura imisoro iteganywa n'itegeko. Bityo abajyanama bifuje ko uyu muturage yandikirwa amenyeshwa uyu mwanzuro ariko nanone Inama Njyanama y'umurenge wa Remera ndetse n'ubuyobozi bw'Umurenge bagafasha uyu muturage mu buryo busanzwe bukoreshwa mu gufasha abatishoboye. |
| | | **i.** Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage Madame Kirenga Providence yanditse asaba ikiruhuko cy'umwaka 2019-2020 akaba yarifuzaga kugifata mu kuva ku italiki ya 01 Nzeri 2019 kugeza 30 Nzeri 2019. | Kubera ko mu kwezi kwa Nzeri 2019 habayemo impamvu zatumye adafata ikituhuko nk'uko yari yacyifuje ,Inama Njyanama yemeje ko yasaba indi taliki ikazemezwa mu nama y' Abaperezida izaterana mu minsi ya vuba. |
| | | **j.** Umuyobozi w'Akarere NAMBAJE Aphrodise yanditse asaba ikiruhuko cy'umwaka 2019-2020 guhera ku italiki ya 15/10/2019 kugeza 15/11/2019 | Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yemeje ko Umuyobozi w'Akarere yatangira ikiruhuko kuri 15/10/2019 nkuko yabisabye. |

**INGINGO YA KABIRI** : Imyanzuro y'ibyavuye mu nama yahuje Komisiyo y'Iterambere ry' Imibereho myiza y'Abaturage ; Komisiyo y'Ubugenzuzi muri Njyanama y'Akarere hamwe n' abagize Ishami ry'Uburezi mu Karere ; Abashinzwe uburezi mu mirenge igize akarere ka Ngoma. Nyuma yo kubona raporo ya Minisiteri y'Uburezi ku mitangire ya raporo z'uburezi zifite ireme ; aho akarere ka Ngoma kabonetse ku mwanya wa nyuma (30/30) n'amanota 14%. Abari mu nama basanze ibibazo birimo bigaragara mu buryo 3:

1. Gukora raporo bagakererwa kuyitanga;
2. Gukora raporo ntibayitange;
3. Kutayikora.

Nyuma yo gusesengura izo mpamvu zitandukanye hafashwe imyanzuro ikurikira :

1. Abashinzwe Uburezi mu mirenge no mu Karere batazongera gukerereza raporo;

2. Abashinzwe uburezi mu Karere basabwe kujya bagaragaza ibibazo babona mu mitangire ya raporo ku nzego z'ubuyobozi bw'Akarere kandi buri murenge ukagezwaho ibibazo ufite;

4. Gukora inama imwe buri mu kwezi ihuza abashizwe uburezi mu mirenge no mu karere hagamijwe guhuza raporo no gusesengura ireme ryazo mbere y'uko zijya muri Minisiteri;

5. Umukozi bizagaragaraho ko atatanze raporo kandi ku gihe , azajya ahabwa ibihano byo mu rwego rw'akazi;

6. Isuzumamikorere ry'abakozi b'Akarere rikorwa buri mwaka; rizajya rihuzwa no kureba niba amanota yahawe ahuzwa n'uburyo yubahirije inshingano afite.

**INGINGO YA GATATU: Imyanzuro yavuye mu nama y'Ubugenzuzi ku mikoresherezey'IREMBO.**

Nyuma y'uko byagaragaye ko Akarere ka Ngoma kabonye umwanya wa 27/30 mu kwesa umuhigo wo gutanga serivisi zisabwa binyuze ku rubuga IREMBO ; Abajyanama bafashe imyanzuro ikurikira :

1. Buri mukozi utanga serivisi z'Irembo agomba gutanga raporo ya serivisi zose z'Irembo zasabwe n'izatanzwe, bitarenze sa kumi n'imwe (17h00 )z'umugoroba;
2. Abakozi bashinzwe ubutaka (Land Managers) bazahabwe imashini zigendanwa(Laptops), kugirango serivisi z'Irembo zikorwe neza no m gihe umukozi Atari ku biro by'umurenge;
3. Gusaba Rwanda Online ko akarere kabasha kujya kamenya umukozi utatanze Serivisi y'Irembo, hagati ya Etat Civil na Land Manager; cyane cyane Serivisi zitwa iza MINIJUST;
4. Guhugura abakozi bashya kuri Serivisi z'Irembo no kwihutisha indahiro z'abatararahira kugirango bakore nk'abanyamategeko;
5. Gusaba Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ibisobanuro mu nyandiko, ku ikosa ryo kudakurikirana imikoreshereze y'Irembo, kandi bagasabwa kubibaza abashinzwe gutanga Serivisi z'Irembo mu mirenge.

Inama yarangiye sa cyenda z'umugoroba ( 15h00 ).

**Bikorewe Ngoma kuwa 29 Nzeri 2019.**

| **Umwanditsi w'Inama** | **Umuyobozi w'Inama** |
|---|---|
| MUKANKURANGA Beatrice | Prof. KANOBANA Mathusalem |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | V/Perezida w'Inama Njyanama |
| y'Akarere ka Ngoma | y' Akarere ka Ngoma |

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA

**ABITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YATERANYE KU ITALIKI YA 29/09/2019.**

| No | AMAZINA YOMBI | UMURENGE | TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Prof KANOBANA M. | SAKE | 0784413212 | [signature] |
| 2 | MUKANKURANGA Béatrice | KIBUNGO | 0788457849 | [signature] |
| 3 | MUGIRANEZA K. Thierry | RUREMGE | 0788430785 | [signature] |
| 4. | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | [signature] |
| 5 | ISINGIZWE Aline | Rurenge | 0788888832 | [signature] |
| 6 | Habakurama Oreste | Kibungo | 0788590033 | [signature] |
| 7 | KAMANZI John | Mutenderi | 0788643526 | [signature] |
| 8 | KAMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | [signature] |
| 9 | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | [signature] |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**

**ABITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YATERANYE KU ITALIKI YA 29/09/2019.**

| No | AMAZINA YOMBI | UMURENGE | TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 10 | MBARANGA Eudence Gervais | Murama | 0788871752 | [signature] |
| 11 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | [signature] |
| 12 | MUKANDAMBA Marie | JARAMA | 0783341022 | [signature] |
| 13 | MUKAMUKUNZI Pelagie | MUTENDERI | 0788605220 | [signature] |
| 14 | Muligo Ladislas | Kazo | 0786657751 | [signature] |
| 15 | RUKUNDO Bulain | Gashanda | 0788514139 | [signature] |
| 16 | SINAHABYE Innocent | Murama | 0783507676 | [signature] |
| 17 | UMUHIRE Marie Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| 18 | UWIMANA Florence | KAZO | 0783967085 | [signature] |

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA

**ABITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YATERANYE KU ITALIKI YA 29/09/2019.**

| No | AMAZINA YOMBI | UMURENGE | TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 19 | Aphrodise Nambaje | Kibungo | 078685945 | [signature] |
| 20 | HAKIZIMANA Augustin | Kibungo | 0788604376 | [signature] |
| 21 | MUSABWASONI M.G Sandra | Zaza | 0788541285 | [signature] |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |